INSTITUT SUPERIEUR PEDAGOGIQUE DE GITWE
P.O.BOX 01 NYANZA
Phone: +250 788433551
Email: info@uog.ac.rw

Office of the Vice-Chancellor

ITANGAZO RIGENEWE ABANYESHURI, ABABYEYI, INSHUTI N'ABAFATANYA BIKORWA

Babyeyi, banyeshuli, bafatanya bikorwa b'Ishuri Rikuru ry'i Gitwe.

Nk'uko mubizi, amwe mu mashami agize Ishuri Rikuru ry'i Gitwe yahagaritswe by'agateganyo kuva taliki ya 13 Werurwe 2017. Guhera icyo gihe, ishuri ryakomeje gukora ibishoboka byose kugirango ayo mashami afungurwe. Minisiteri y'Uburezi nayo ntabwo yahwemye kutuba hafi no kutugira inama ngo icyo kibazo kirangire abanyeshuri bagaruke kandi ababyeyi n'abafatanya bikorwa barerera hano i Gitwe bashyitse agatima mu nda.

Ibiganiro hamwe n'urwego rw'inama nkuru y'amashuri makuru byatanze umusaruro watumye progaramu y'igiforomo icyiciro cya A_1 gifungurwa; kandi dukurikije aho ibiganiro n'imyiteguro igeze, turabizeza ko vuba tuzafungurirwa n'amashami yandi asigaye.

Mu nama twagiriwe kugirango hanozwe ireme ry'uburezi, twiyemeje ibi bikurikira:

1. Kutakira abanyeshuri bashya mu **ishami ry'ubuganga** mu gihe cy'imyaka ibiri kugirango tubone uko twita ku mubare munini w'abanyeshuri dufite muri iyo progaramu.
2. Guhagarika progaramu ya **"Ao upgrading"**, ariko twasabwe gutegura gahunda inoze y'uko abasanzwe biga muri iyo progaramu barangiza badahutajwe.

Tubasabye gutegereza mwihanganye nk'uko mubisanganywe.

Mukomeze kugira amahoro y'Imana

Umuyobozi w'Ishuri Rikuru ry'i Gitwe
Dr. Jered Rugengande

7/8/2017

Scanned by CamScanner